

24 Werurwe 2020

Miryango murerera muri JCPS,

Turizera ko mwese muri bazima kandi ko mukomeje gufasha abana banyu mu masomo muri iki gihe kidasanzwe mu mateka. Mu gihe amasomo yahagaze mu nyubako zacu n'ibyumba by'amashuri bisanzwe bya JCPS kugeza nibura kuwa 20 Mata, abakozi bacu bakoze akazi gakomeye kuri gahunda yo gukomeza uburezi bw'abana banyu guhera ku itariki 07 Mata.

Tuzajya dukoresha gahunda yacu y'amasomo mu buryo butamenyerewe (NTI) kuva tariki 07 Mata. NTI izabera abana banyu inzira y'iyakure yo kwiga. Abarimu bazavanga ibikoresho byo kwigiraho ku mpapuro no kuri interineti abana banyu bazajya bakoresha bari mu rugo. Turi ku rwego rwa nyuma rwo gukora gahunda yacu ngo tugeze mudasobwa Chromebook z'amashuri mu maboko y'ababyeyi bazikeneye kugira ngo zifashe abana kwiga mu nzira y'iyakure. Tuzabagezaho amakuru arambuye y'uburyo bwo gusaba Chromebook, uburyo zizagezwa ku miryango n'uburyo abarimu bazihuza n'abanyeshuri mu mpera z'iki cyumweru.

Ngiyi videwo irimo ibindi bisobanuro kuri NTI: <https://youtu.be/3zSvdl8n8CI>

Dufite andi makuru make mashya yo kubagezaho:

- Ikizami cya K-PREP cyarahagaritswe. Ibizami ku rwego rwa leta byimuriwe hagati muri Gicurasi.
- JCPS irimo kuvugana n'inzu ndangamurage y'amateka ya Frazier (*Frazier History Museum*) ku guha amahirwe abanyeshuri bacu mu bumenyi. Uyu mushinga turimo kuwita "Coronavirus Capsule". Inzu ndangamurage irimo kwandika ibyo abanyeshuri babona n'ibyo batekereza, kimwe n'uburyo bahanganye n'icyorezo cy'amateka kiriho. Abanyeshuri barasabwa gufata ibitekerezo byabo n'ibyo bahura nabyo mu nyandiko, mu mafoto, videwo, ubugeni - icyo bahitamo cyose kugaragazamo ibitekerezo byabo. Inzu ndangamurage Frazier irifuzaga gukoresha ibitekerezo byabo ku rwego rwo kubimurika kuri interineti no ku mafoto mu nzu ndangamurage y'amateka. Mwandike mwohereze kuri [education@fraziermuseum.org](mailto:education@fraziermuseum.org) na Coronavirus Capsule nk'umutwe w'ubutumwa.
- Porogaramu yo gutanga ibiryo by'ubutabazi ya JCPS ikeneye imifuka – yego - imifuka. Niba mwe cyangwa mu kazi kanyu mufite imifuka myinshi minini yo guhahiramo ikoze mu mpapuro ifite imishumi mwakura mu bubiko, mu bubiko bw'inkweto cyangwa mu nzu icuruza amafunguro basohokana, turabikeneye kugira ngo dutwaremo amafunguro ya mugitondo n'aya saa sita dushyire imiryango ibiryo by'ubutabazi aho tubitangira. Imifuka mwayigeza kuri JCPS Nutrition Services, Building 2, C.B. Young, 3001 Crittenden Drive, 07h00–15h00. Kuwa gatatu kugeza kuwa gatanu w'iki cyumweru.

Turabizeza gukomeza kubagezaho amakuru na gahunda nshya kuri gahunda zacu za NTI mu mpera z'iki cyumweru. Twongeye kubashimira ku kizere mwagiriye abarimu, abakozi n'abayobozi bitanga ba JCPS mubashinga umwana wanyu.